P. 46 (a)

Pseudonym:

Witness Code: KABUFEL

KABUFEL-01

ICTR-98-41-T
Exh. P. 46 (a)
Tendered on 18-09-2002
CKA

# Kabuga Félicien

Lettre de Félicien Kabuga, au nom du Comité provisoire du Fond de Défense Nationale (FDN) adressée au Premier Ministre, Jean Kambanda, le 20 mai 1994

## DOCUMENT INFORMATION

| | |
|---|---|
| Doc Type: | Letter |
| Doc Sources: | DesForges |
| Doc Location: | ICTR |
| Doc Original No: | |
| Doc Date: | 20-May-94 |
| Format: | Typewritten |
| Original language: | Kinyarwan |
| Translation: | French |
| ERN Translation: | K003-9363-K003-9364 |

**For Witness Statement:**

| | |
|---|---|
| SignatureDate: | 20-May-94 |
| Interviewer 1: | |
| Interviewer 2: | |

## DOCUMENT CODING:

| | |
|---|---|
| Document code: | KABUFEL-01 |
| ICTR Number: | |
| ERN Number: | K003-9361-K003-9362 |
| Disclosure Code: | KABUFEL-01 |
| Disclosable: | Yes |

**Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure----Past Disclosure**

| IN | Code Used | Date | Support |
|---|---|---|---|
| Bagosora | KABUFEL-01 | 05-Aug-99 | No |
| Kabiligi | KABUFEL-01 | 05-Aug-99 | No |
| Nsengiyumva | KABUFEL-01 | 12-Oct-98 | Yes |
| Ntabakuze | KABUFEL-01 | 05-Aug-99 | No |

98

K0039361

IKIGEGA NDENGERA-GIHUGU
C/O B.P.252 GISENYI
COMPTES N° 74291/86 B.C.R GISENYI
N°74291/89 B.C.R GISENYI
N°93120 B.K GISENYI

Gisenyi kuwa 20.Gicurasi .1994

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
I KIGALI

Impamvu: Ishyirwaho ry'Ikigega Ndengera-Gihugu.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe,

Dushimishijwe no kubohereza iyi nyandiko yerekeye ishyirwaho ry'Ikigega Ndengera-Gihugu (Fonds de Défense Nationale,F.D.N) mu rwego rwo gutera inkunga Ingabo z'Igihugu n'abaturage bazifasha kurwana no gutsinda iyi ntambara twakuruweho n'umwanzi F.P.R-INKOTANYI.

Mbere na mbere turabibutsa ko icyo kigega cyashyizweho n'abaturage, batuye ku Gisenyi hamwe n'abahahungiye, bateranye kuwa 24 no kuwa 25 Mata 1994, bashyigikiye Ingabo z'Igihugu na Guverinoma y'Abatabazi.

Nk'uko bivugwa mu ngingo ya 5 y'ibyifuzo byari bikubiye mu butumwa twaboherereje, abari mu nama basabye ko Guverinoma yakwiga uburyo icyo gitekerezo cyagera ku banyarwanda bose no gushaka uburyo hashyirwaho isanduku ihoraho.
Ni muri urwo rwego, Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe,twifuza ko hashyirwaho ingamba zihamye zerekeranye n'ikwirakwizwa ry'icyo Kigega mu Rwanda hose;bityo amabwiriza akaba yahabwa abayobozi ba Perefegitura na Komini ndetse n'Ibigo bya Leta n'ibyigenga kugira ngo icyo gitekerezo cyo gutabara Igihugu gishobore kwitabirwa .

Mu byo tumaze kugeraho,turabamenyesha ko hamaze gufungurwa konti eshatu ;ebyiri muri Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda (B.C.R N° 74291/86 na B.C.R N° 74291/89 Abacuruzi Komini Rubavu) n'imwe muri Banki ya Kigali (B.K N°93120) zose ku Gisenyi.
Amafaranga amaze kugera kuri izo konti, uko ari eshatu akaba akabakaba 4 839 925, mu gihe amafaranga y'abiyemeje gushyira kuri izo konti, amabanki amaze gufungurwa n'abakozi bamaze guhembwa , yo ari hafi kugera kuri miliyoni icumi (10 000 000).

suite = D 119

(118 missing ?)

suite de 98

119

Kubera ko amakonti yitirirwa icyo Kigega azakomeza gufungurwa hirya no hino mu Gihugu, byaba byiza ko Guverinoma yafungura muri Banki Nasiyonali y'u Rwanda konti imwe (Compte unique centralisateur) yakusanyirizwaho ayo mafaranga yose azaba ari kuri ayo makonti anyuranye. Uburyo ayo mafaranga azacungwa bwazigwa n'abahagarariye Guverinoma, Ingabo z'Igihugu, Ibigo bya Leta n'ibyigenga, Abacuruzi, Abakozi ba Leta n'abaturage.

Mu gihe dutegereje ko icyo cyifuzo muzacyakira neza, twongeye kubagaragariza ko tubashyigikiye, kandi ko tubifuriza kurangiza neza inshingano mwiyemeje.

Mu izina rya Komite y'Agateganyo
y'Ikigega Ndengera- Gihugu (F.D.N)
KABUGA Félicien, Perezida

Inyandiko yometsweho: Ubutumwa bugenewe Guverinoma.

Bimenyeshejwe:
-Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika
Kigali
-Bwana Minisitiri (bose)
-Bwana Perefe (bose)